# Abarimu batakiye Minisitiri basaba kugaburirwa ku ishuri

Yanditswe kuya **5-10-2016** na **Emma-Marie Umurerwa**



*Abarimu bitabiriye ibirori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wa Mwarimu ku rwego rw'igihugu*

Abarimu babwiye Minisitiri w'Uburezi n'abandi bayobozi ko bifuza ko nabo bajya bagaburirwa ku ishuri nk'uko abanyeshuri biga mu mashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda na 12 bagaburirwa.

Hari kuri uyu wa 5 Ukwakira, ubwo hizihizwaga umunsi mpuzamahanga w'umwarimu, wizihirijwe mu Karere ka Gasabo ku rwego rw'Igihugu.

Abarimu babajije Minisitiri w'Uburezi, Musafiri Papias Malimba ibibazo bitandukanye birimo igihora kigaruka cy'umushahara utajyanye n'ibiciro biri ku isoko, hiyongeraho n'ikindi cy'uko abarimu na bo bifuza ko bajya bagaburirwa ku ishuri n'ibindi.

Umwe mu barimu yavuze ko gahunda nyinshi zita ku banyeshuri kuruta abarimu, ahereye kuri 'School Feeding",yo kugaburira abanyeshuri ku mashuri.

Yagize ati "Kugaburira abanyeshuri umwarimu atagaburiwe mbigereranya no kuba wagaburira inyana nyina iziritse byagera nimugoroba ukajya gushaka umukamo. Ntawo washobora kubona."

Uyu mwarimu yakomeje avuga ko gahunda nyinshi zigera ku munyeshuri zikir

engagiza mwarimu wamwigishije ati "Mu Kinyarwanda iyo bagiye guhemba umubyeyi wabyaye bajyana igikoma cy'umubyeyi ntabwo bajyana kigozi (Quigoz) y'umwana, bagombye kujya bahera kuri mwarimu umunyeshuri bakamugeraho nyuma".

Abarimu bakabakaba ibihumbi bine bahise bakoma amashyi y'urufaya, bagaragaza ko bashyigikiye ibyo mugenzi wabo avuze, dore ko yanagaragaje ko bakwiye kugira umwarimu mu Nteko Ishinga Amategeko wajya abavugira.

Abarimu bongeye kugaragagaza icyifuzo cy'uko bagira iguriro ryihariye, iki kibazo bakaba bari barakibajije umwaka ushize ubwo hizihizwaga umunsi nk'uyu.

Umwe muri bo yagize ati "Mu guhesha agaciro mwarimu no kugira ngo rya reme ry'uburezi rigerweho mbona tugiye duhahira hafi byadufasha, mwarimu agahahira hafi, mudufashe isoko rya mwarimu rishyirweho".

**Minisitiri Musafiri yabaciriye umugani**

Mu gusubiza ikibazo cyo kugaburira abarimu ku ishuri, Minisitiri Musafiri yabanje guca umugani agira ati "Hari umugani utakigezweho bavuga ngo iyo amazi yabaye make ahaririwa impfizi. Ntabwo aribyo, iyo amazi yabaye make ahaririwa abana, kandi tubirebere no mu mibereho rusange, iyo ubonye duke uremera ukiyumanganya […] ariko abana bakagira icyo babona."

Yakomeje abagira inama yo kwishyira hamwe bakajya barira ku ishuri, avuga ko Leta itanze ko abarimu bagaburirwa ku ishuri, ahubwo ngo biterwa n'amikoro y'igihugu, dore ko na gahunda yo kubaburira abana itaragerwa ku kigero cyifuzwa.

**Bakuriwe inzira ku murima ku cyifuzo cyo guhararirwa mu Nteko Ishinga Amategeko**

Minisitiri Musafiri yavuze ko mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi uhasanga abarimu ndetse no mu Nteko ngo hari umubare munini w'Abadepite babaye abarimu.

Yagize ati " N'iyo wajya mu bindi ntiwibagirwa ko urwego urimo warugezeho ariko warabanje kuba umwarimu.Nta mudepite uzashyirwa ikibazo ngo yange kucyakira kubera ko adahagarariye abarimu, umudepite ahagarariye rubanda rwose".

**Iguriro ry'abarimu riri mu maboko yabo**

Uwahoze ari Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye, Olivier Rwamukwaya yavuze ko amaguriro y'abantu bahuje umwuga adapfa gushyirwaho.

Yagize ati "Hari byinshi bigenderwaho, icyakora kubera ko ari icyifuzo cyiza abarimu bakomeje kutugezaho twakomeje kubiganiraho binyuze mu nteko rusange ya Koperative Umwarimu Sacco, twumvikana ko abarimu ari mwebwe ubwanyu muzishyiriraho ayo maguriro, kandi twagaragaje ko aribyo bizabagirira inyungu kuruta ko yaba amaguriro yashyizweho n'undi muntu.Twabasabye rero ko mutangira hanyuma Leta ikunganira iyo ntambwe mwaba muteye".

Muri Kamena uyu mwaka, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Ambasaderi Gatete Claver, yashimangiye ko atari ikintu cyoroshye gushyiraho iguriro ryihariye ry'abarimu, ridatanga imisoro nk'uko byakozwe ku basirikare n'abapolisi.



*Abarimu baganyiye Minisitiri w'Uburezi ibibazo bafite birimo* ***n'inzara basaba kokugaburirwa bari ku ishuri byabageraho***





*Minisitiri w'Uburezi yabwiye abarimu ko kugaburirwa bidashoboka mu gihe n'ibyifuzwa ku banyeshuri bitarakoreka uko bikwiye*

emma@igihe.rw